| ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/01 RYO KU WA 23/03/2022 RYEREKEYE UBWENEGIHUGU NYARWANDA | MINISTERIAL ORDER Nº 007/01 OF 23/03/2022 RELATING TO RWANDAN NATIONALITY | ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº 007/01 DU 23/03/2022 RELATIF À LA NATIONALITÉ RWANDAISE |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'ijambo "Urwego"** | **Article 2: Definition of the term "Organ"** | **Article 2: Définition du terme «Organe»** |
| **UMUTWE WA II: IBISABWA MU GUSABA UBWENEGIHUGU NYARWANDA N'UBURYO BIKORWA** | **CHAPTER II: CONDITIONS AND MODALITIES OF APPLYING FOR RWANDAN NATIONALITY** | **CHAPITRE II: CONDITIONS ET MODALITÉS DE DEMANDE DE NATIONALITÉ RWANDAISE** |
| **Ingingo ya 3: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **Article 3: Application for Rwandan nationality by origin** | **Article 3: Demande de nationalité rwandaise d'origine** |
| **Ingingo ya 4: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuvukira ku butaka bw'u Rwanda** | **Article 4: Application for Rwandan nationality on grounds of birth on the territory of Rwanda** | **Article 4: Demande de nationalité rwandaise sur base d'être né sur le territoire du Rwanda** |
| **Ingingo ya 5: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuba mu Rwanda** | **Article 5: Application for Rwandan nationality on grounds of residence in Rwanda** | **Article 5: Demande de nationalité rwandaise sur base de résidence au Rwanda** |
| **Ingingo ya 6: Gusaba ubwenegihugu** | **Article 6: Application for Rwandan** | **Article 6: Demande de nationalité** |

| | | |
|---|---|---|
| **nyarwanda hashingiwe ku kubera umubyeyi umwana utabyaye** | **nationality on grounds of adoption** | **rwandaise sur base d'adoption** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku ishyingirwa** | **<u>Article 7</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of marriage** | **<u>Article 7</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de mariage** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuba ari umwana watoraguwe** | **<u>Article 8</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of foundling** | **<u>Article 8</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base d'état d'enfant retrouvé** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kutagira ubwenegihugu** | **<u>Article 9</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of statelessness** | **<u>Article 9</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base d'apatridie** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda ku mwimukira** | **<u>Article 10</u>: Application for Rwandan nationality by an immigrant** | **<u>Article 10</u>: Demande de nationalité rwandaise par un immigrant** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku nyungu z'igihugu** | **<u>Article 11</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of national interest** | **<u>Article 11</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de l'intérêt national** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku ishoramari cyangwa ku bikorwa binini kandi birambye** | **<u>Article 12</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of sustainable investment or activities** | **<u>Article 12</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de l'investissement ou d'activités importantes durables** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku bumenyi cyangwa impano byihariye** | **<u>Article 13</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of special skills or talent** | **<u>Article 13</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de compétences spéciales ou talent spécial** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 14: Gusaba amakuru y'inyongera** | **Article 14: Request for additional information** | **Article 14: Demande d'informations additionnelles** |
| **Ingingo ya 15: Uburyo ubusabe butangwa** | **Article 15: Application modalities** | **Article 15: Modalités de demande** |
| **Ingingo ya 16: Icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda** | **Article 16: Rwandan nationality certificate** | **Article 16: Certificat de nationalité rwandaise** |
| **UMUTWE WA III: KWAKIRA INDAHIRO N'IBIKUBIYE MU MWIRONDORO BITANGAZWA** | **CHAPTER III: ADMINISTRATION OF OATH AND IDENTIFICATION DETAILS TO BE PUBLISHED** | **CHAPITRE III: RÉCEPTION DU SERMENT ET RENSEIGNEMENTS SUR L'IDENTITÉ À PUBLIER** |
| **Ingingo ya 17: Kurahira k'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa** | **Article 17: Taking oath by a person granted rwandan nationality by acquisition** | **Article 17: Prestation de serment d'une personne ayant obtenu la nationalité rwandaise par acquisition** |
| **Ingingo ya 18: Umuyobozi ufite ububasha bwo kwakira indahiro** | **Article 18: Competent authority that administers the oath** | **Article 18: Autorité compétente pour la réception du serment** |
| **Ingingo ya 19: Ibikubiye mu mwirondoro bitangazwa** | **Article 19: Identification details to be published** | **Article 19: Renseignements sur l'identité à publier** |
| **UMUTWE WA IV: KWAMBURWA UBWENEGIHUGU NYARWANDA BUTANGWA** | **CHAPTER IV: REVOKING RWANDAN NATIONALITY BY ACQUISITION** | **CHAPITRE IV: RÉVOCATION DE LA NATIONALITÉ RWANDAISE PAR ACQUISITION** |
| **Ingingo ya 20: Uburyo bwo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa** | **Article 20: Procedure for revocation of rwandan nationality by acquisition** | **Article 20: Procédure de révocation de la nationalité rwandaise par acquisition** |
| **Ingingo ya 21: Gutangaza umwirondoro w'uwambuwe ubwenegihugu** | **Article 21: Publication of identification details of a person whose nationality is revoked** | **Article 21: Publication des renseignements sur l'identité d'une personne dont la nationalité a été révoquée** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA V</u>: KUREKA NO GUSUBIRANA UBWENEGIHUGU NYARWANDA** | **<u>CHAPTER V</u>: RENUNCIATION AND RECOVERY OF RWANDAN NATIONALITY** | **<u>CHAPITRE V</u>: RENONCIATION À LA NATIONALITÉ RWANDAISE ET SON RECOUVREMENT** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Gusaba kureka ubwenegihugu** | **<u>Article 22</u>: Application for renunciation of nationality** | **<u>Article 22</u>: Demande de renonciation à la nationalité** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri ubusabe bwo kureka ubwenegihugu** | **<u>Article 23</u>: Submission of application for renunciation to Cabinet** | **<u>Article 23</u>: Soumission de la demande de renonciation au Conseil des Ministres** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Kumenyesha iyemezwa ryo kureka ubwenegihugu** | **<u>Article 24</u>: Notification of approval of renunciation of nationality** | **<u>Article 24</u>: Notification de l'approbation de renonciation à la nationalité** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Itangwa ry'icyemezo cyo kureka ubwenegihugu** | **<u>Article 25</u>: Issuance of a certificate of renunciation of nationality** | **<u>Article 25</u>: Octroi d'un certificat de renonciation à la nationalité** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Itangazwa ry'umwirondoro w'uwaretse ubwenegihugu** | **<u>Article 26</u>: Publication of identification details of a person who renounced nationality** | **<u>Article 26</u>: Publication des renseignements sur l'identité d'une personne qui a renoncé à la nationalité** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Gusaba gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 27</u>: Application for recovery of Rwandan nationality by origin** | **<u>Article 27</u>: Demande de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri ubusabe bwo gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 28</u>: Submission of application for recovery of Rwandan nationality by origin to the Cabinet** | **<u>Article 28</u>: Soumission de la demande de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine au Conseil des Ministres** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Kumenyesha iyemezwa ryo gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 29</u>: Notification of approval of recovery of Rwandan nationality by origin** | **<u>Article 29</u>: Notification de l'approbation du recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 30: Itangazwa ry'umwirondoro w'uwasubiranye ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **Article 30: Publication of identification details of a person who recovered Rwandan nationality by origin** | **Article 30: Publication** des renseignements sur l'identité **d'une personne qui a recouvré la nationalité rwandaise d'origine** |
| **UMUTWE WA VI: AMAFARANGA ATANGWA KU BUSABE BW'UBWENEGIHUGU N'AY'IBYAKOZWE MU GUHA UMUNTU UBWENEGIHUGU** | **CHAPTER VI: APPLICATION FEES AND PROCESSING FEE** | **CHAPITRE VI: FRAIS DE DEMANDE ET FRAIS DE PROCÉDURE** |
| **Ingingo ya 31: Amafaranga atangwa ku busabe bw'ubwenegihugu** | **Article 31: Application fees for nationality** | **Article 31: Frais de demande de la nationalité** |
| **Ingingo ya 32: Amafaranga atangwa ku byakozwe mu guha umuntu ubwenegihugu** | **Article 32: Processing fee for nationality** | **Article 32: Frais de procédure d'acquisition de la nationalité** |
| **Ingingo ya 33: Amafaranga atangwa ku busabe bwo kureka ubwenegihugu** | **Article 33: Application fee for renunciation of nationality** | **Article 33: Frais de demande de renonciation à la nationalité** |
| **Ingingo ya 34: Isonerwa ry'amafaranga atangwa ku busabe n'iry'ay'ibyakozwe mu guha umuntu ubwenegihugu** | **Article 34: Exemption from payment of application and processing fees** | **Article 34: Exonération des frais de demande et des frais de procédure** |
| **Ingingo ya 35: Iyishyurwa ry'amafaranga atangwa ku busabe** | **Article 35: Payment of application fees** | **Article 35: Payement des frais de demande** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA VII</u>: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**<br><br>**<u>Ingingo ya 36</u>: Uburyo bwo kumenyekanisha ubwenegihugu burenze bumwe**<br><br>**<u>Ingingo ya 37</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>CHAPTER VII</u>: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**<br><br>**<u>Article 36</u>: Modalities for declaration of dual nationality**<br><br>**<u>Article 37</u>: Commencement** | **<u>CHAPITRE VII</u>: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**<br><br>**<u>Article 36</u>: Déclaration de la double nationalité**<br><br>**<u>Article 37</u>: Entrée en vigueur** |

| ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/01 RYO KU WA 23/03/2022 RYEREKEYE UBWENEGIHUGU NYARWANDA | MINISTERIAL ORDER N° 007/01 OF 23/03/2022 RELATING TO RWANDAN NATIONALITY | ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/01 DU 23/03/2022 RELATIF À LA NATIONALITÉ RWANDAISE |
|---|---|---|
| **Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika;** | **The Minister in the Office of the President;** | **Le Ministre à la Présidence de la République;** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176; |
| Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 002/2021.OL ryo ku wa 16/07/2021 rigenga ubwenegihugu nyarwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 7, iya 22, iya 25, iya 26, iya 27, iya 30, iya 40, iya 41, iya 43 n'iya 47; | Pursuant to Organic Law n° 002/2021.OL of 16/07/2021 governing Rwandan nationality, especially in Articles 7, 22, 25, 26, 27, 30, 40, 41, 43 and 47; | Vu la Loi Organique n° 002/2021.OL du 16/07/2021 régissant la nationalité rwandaise, spécialement en ses articles 7, 22, 25, 26, 27, 30, 40, 41, 43 et 47; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 04/03/2022 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 04/03/2022; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 04/03/2022; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rigena ibi bikurikira: | This Order determines the following: | Le présent arrêté détermine ce qui suit: |

| | | |
|---|---|---|
| 1 º ibisabwa mu gusaba ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko n'uburyo bikorwa; | 1 º the conditions and modalities for applying for Rwandan nationality by origin; | 1 º les conditions et les modalités de demande de nationalité rwandaise d'origine; |
| 2 º ibisabwa n'uburyo bwo gusaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa; | 2 º the conditions and procedure for applying for Rwandan nationality by acquisition; | 2 º les conditions et la procédure pour demander la nationalité rwandaise par acquisition; |
| 3 º imiterere y'icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda; | 3 º the format of the Rwandan nationality certificate ; | 3 º le format du certificat de nationalité rwandaise; |
| 4 º umuyobozi ufite ububasha bwo kwakira indahiro y'umuntu uhawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa n'uburyo kwakira iyo ndahiro bikorwa; | 4 º the competent authority to administer the oath to a person granted Rwandan nationality by acquisition and the procedure for administering the oath; | 4 º l'autorité compétente pour la réception du serment d'une personne ayant obtenu la nationalité rwandaise par acquisition et la procédure de réception du serment; |
| 5 º ibikubiye mu mwirondoro w'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa bitangazwa; | 5 º identification details of the person who is granted the Rwandan nationality by acquisition to be published; | 5 º les renseignements sur l'identité d'une personne ayant obtenu la nationalité rwandaise par acquisition à publier; |
| 6 º uburyo bwo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa; | 6 º the procedure for revoking Rwandan nationality by acquisition; | 6 º la procédure de révocation de la nationalité rwandaise par acquisition; |
| 7 º ibisabwa mu kureka ubwenegihugu nyarwanda n'uburyo bikorwa; | 7 º the conditions and procedure for applying for renunciation of Rwandan nationality; | 7 º les conditions et la procédure de demande de renonciation à la nationalité rwandaise; |
| 8 º uburyo n'ibisabwa mu gusaba kureka cyangwa gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko; | 8 º the procedure and requirements to apply to renounce or recover Rwandan nationality by origin; | 8 º la procédure et les conditions de demande de renonciation ou de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine; |

| | | |
|---|---|---|
| 9 º amafaranga atangwa ku busabe buteganyijwe muri iri teka; | 9 º the fees paid for application provided for by this Order; | 9 º les frais de la demande prévue dans le présent arrêté; |
| 10 º uburyo imenyekanisha ry'ubwenegihugu burenze bumwe rikorwa. | 10 º the procedure for declaring dual nationality. | 10 º la procédure de déclaration de la double nationalité. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Igisobanuro cy'ijambo "Urwego"** | **<u>Article 2</u>: Definition of the term "Organ"** | **<u>Article 2</u>: Définition du terme «Organe»** |
| Muri iri teka, ijambo "Urwego" risobanura Ibiro Bikuru bishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda. | In this Order, the term "Organ" means the Directorate General in charge of Immigration and Emigration in Rwanda. | Dans le présent arrêté, le terme «Organe » signifie la Direction Générale chargée de l'Immigration et Émigration au Rwanda. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: IBISABWA MU GUSABA UBWENEGIHUGU NYARWANDA N'UBURYO BIKORWA** | **<u>CHAPTER II</u>: CONDITIONS AND MODALITIES OF APPLYING FOR RWANDAN NATIONALITY** | **<u>CHAPITRE II</u>: CONDITIONS ET MODALITÉS DE DEMANDE DE NATIONALITÉ RWANDAISE** |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 3</u>: Application for Rwandan nationality by origin** | **<u>Article 3</u>: Demande de nationalité rwandaise d'origine** |
| Umuntu usaba ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A person who applies for Rwandan nationality by origin submits to the Organ the following: | Une personne qui demande la nationalité rwandaise d'origine soumet à l'Organe ce qui suit: |
| 1º ikigaragaza ko yabyawe n'umubyeyi umwe w'Umunyarwanda utarahawe ubwenegihugu nyarwanda, ahubwo yarabuhererekanyije mu buryo bw'igisekuru gituruka mu Rwanda; | 1º proof that the person was born to a Rwandan parent who is a Rwandan national not through acquisition but by virtue of Rwandan ancestry; | 1º la preuve justifiant qu'elle est née d'un parent rwandais qui n'a pas acquis sa nationalité rwandaise par voie d'acquisition mais par voie d'ascendance rwandaise; |

| | | |
|---|---|---|
| 2º icyerekana igihugu cy'amahanga yavukiyemo kandi ko atigeze yemerwa nk'Umunyarwanda ku buryo bwemewe n'amategeko; | 2º indication of a foreign country where the person was born from and that he or she has never been legally recognised as a Rwandan; | 2º l'indication du pays étranger dans lequel elle est née et qu'elle n'a jamais été légalement reconnue comme étant rwandaise; |
| 3º inyandiko ikubiyemo ubuhamya, cyangwa yerekana undi muntu wabutanga, bugaragaza isano muzi imuhuza n'u Rwanda kandi buherekejwe n'ibimenyetso, cyangwa ikigaragaza ko hari umuntu bafitanye isano ufite ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko; | 3º written testimony of the person or of another person corroborated with evidence proving the relationship linking him or her with Rwanda, or the proof of a relative who is Rwandan national by origin; | 3º son témoignage écrit ou celui d'une autre personne accompagné par des preuves, justifiant du lien parental la liant avec le Rwanda, ou la preuve justifiant qu'elle a un membre de sa parenté ayant la nationalité rwandaise d'origine; |
| 4º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe. | 4º proof of payment of application fee. | 4º la preuve du paiement des frais de demande. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuvukira ku butaka bw'u Rwanda** | **<u>Article 4</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of birth on the territory of Rwanda** | **<u>Article 4</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base d'être né sur le territoire du Rwanda** |
| Umuntu usaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuvukira ku butaka bw'u Rwanda ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A person who applies for Rwandan nationality on grounds of birth on the territory of Rwanda submits to the Organ the following: | Une personne qui demande la nationalité rwandaise sur base d'être né sur le territoire du Rwanda soumet à l'Organe ce qui suit : |
| 1 º inyandiko isaba ; | 1 º application letter; | 1 º une lettre de demande ; |
| 2 º inyandiko y'amavuko; | 2 º birth record; | 2 º l'acte de naissance; |
| 3 º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe; | 3 º proof of payment of application fee; | 3 º la preuve du paiement des frais de demande; |

| | | |
|---|---|---|
| 4 º kopi ya pasiporo cyangwa iy'Uruhushya rwo kuba mu Rwanda, iyo aba mu Rwanda. | 4 º passport copy or copy of residence permit if the person resides in Rwanda. | 4 º une copie du passeport ou une copie du permis de séjour lorsqu'elle réside au Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuba mu Rwanda** | **<u>Article 5</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of residence in Rwanda** | **<u>Article 5</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de résidence au Rwanda** |
| Umunyamahanga usaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuba mu Rwanda ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A foreigner applies for Rwandan nationality on grounds of residence in Rwanda submits to the Organ the following: | Un étranger qui demande la nationalité rwandaise sur base de résidence au Rwanda soumet à l'Organe ce qui suit: |
| 1 º icyemezo cy'amavuko; | 1 º a birth certificate; | 1 º une attestation de naissance; |
| 2 º umwirondoro we; | 2 º his or her personal profile; | 2 º son profil personnel; |
| 3 º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe; | 3 º proof of payment of application fee; | 3 º la preuve du paiement des frais de demande; |
| 4 º ikigaragaza ko amaze nibura imyaka cumi n'itanu (15) ikurikirana aba mu Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko. | 4 º proof of lawful residence in Rwanda at least for the last fifteen (15) consecutive years. | 4 º la preuve de sa résidence légale au Rwanda depuis au moins quinze (15) années consécutives. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kubera umubyeyi umwana utabyaye** | **<u>Article 6</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of adoption** | **<u>Article 6</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base d'adoption** |
| Umuntu usabira ubwenegihugu nyarwanda umwana, hashingiwe ku kumubera umubyeyi ataramubyaye, ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A person who applies, on behalf of an adopted child, for Rwandan nationality on grounds of adoption, submits to the Organ the following: | Une personne qui demande, au nom d'un enfant adopté, la nationalité rwandaise sur base d'adoption, soumet à l'Organe ce qui suit: |

| | | |
|---|---|---|
| 1 º inyandiko y'uwabereye umubyeyi umwana atabyaye; | 1 º application letter by the adopting person; | 1 º une lettre de demande de la personne adoptante ; |
| 2 º kopi y'irangamuntu y'uwabereye umubyeyi umwana atabyaye; | 2 º copy of identity card of the adopting person; | 2 º une copie de la carte d'identité de l'adoptant; |
| 3 º icyemezo gitangwa n'Urwego rubufitiye ububasha kigaragaza ko usaba yemerewe kuba umubyeyi w'umwana usabirwa ubwenegihugu nyarwanda. | 3 º document issued by the competent organ proving that the applicant is accepted to be the adoptive parent of the child whose Rwandan Nationality is requested. | 3 º un document délivré par l'organe compétent prouvant que le demandeur est accepté comme parent adoptif de l'enfant dont la nationalité rwandaise est demandée. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku ishyingirwa** | **<u>Article 7</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of marriage** | **<u>Article 7</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de mariage** |
| Umuntu usaba ubwenegihugu nyarwanda ashingiye ku ishyingirwa ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A person who applies for Rwandan nationality on grounds of marriage submits to the Organ the following: | Une personne qui demande la nationalité rwandaise sur base de son mariage soumet à l'Organe ce qui suit : |
| 1 º inyandiko isaba; | 1 º application letter; | 1 º une lettre de candidature ; |
| 2 º icyemezo cy'inshyingirwa; | 2 º marriage certificate; | 2 º l'attestation de mariage; |
| 3 º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe; | 3 º proof of payment of application fee; | 3 º la preuve du paiement des frais de demande ; |
| 4 º kopi y'irangamuntu y'uwo bashakanye; | 4 º copy of identity card of the Rwandan spouse; | 4 º une copie de la carte d'identité du conjoint rwandais ; |
| 5 º kopi ya pasiporo cyangwa iy'Uruhushya rwo kuba mu Rwanda, | 5 º passport copy or copy of residence permit, if the person resides in Rwanda. | 5 º une copie du passeport ou du permis de séjour, lorsqu'elle réside au |

| | | |
|---|---|---|
| iyo aba mu Rwanda. | | Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuba ari umwana watoraguwe** | **<u>Article 8</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of foundling** | **<u>Article 8</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base d'état d'enfant retrouvé** |
| Umuntu usabira ubwenegihugu nyarwanda umwana, hashingiwe ku kuba ari umwana watoraguwe, ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A person who applies for Rwandan nationality, on behalf of and on the ground of a foundling, submits to the Organ the following: | Une personne qui demande au nom d'un enfant retrouvé, la nationalité rwandaise sur base d'état d'enfant retrouvé, soumet à l'Organe ce qui suit : |
| 1 º inyandiko isaba; | 1 º application letter; | 1 º une lettre de demande; |
| 2 º inshamake mu nyandiko isobanura ahantu umwana yatoraguwe n'uburyo yatoraguwemo. | 2 º a written summary on circumstances and place where the foundling was found. | 2 º un résumé écrit des circonstances et de l'endroit de la découverte de l'enfant trouvé. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kutagira ubwenegihugu** | **<u>Article 9</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of statelessness** | **<u>Article 9</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base d'apatridie** |
| Umuntu usaba ubwenegihugu nyarwanda ashingiye kutagira ubwenegihugu ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A person who applies for Rwandan nationality on grounds of statelessness submits to the Organ the following: | Une personne qui demande la nationalité rwandaise sur base d'apatridie soumet à l'Organe ce qui suit : |
| 1 º inyandiko isaba; | 1 º application letter; | 1 º une lettre de demande; |
| 2 º ibaruwa y'urwego rw'ibanze rushyigikiye guha ubwenegihugu nyarwanda usaba. | 2 º recommendation letter by the local administrative entity. | 2 º une lettre de recommandation de l'entité administrative locale. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda ku mwimukira** | **<u>Article 10</u>: Application for Rwandan nationality by an immigrant** | **<u>Article 10</u>: Demande de nationalité rwandaise par un immigrant** |
| Umwimukira usaba ubwenegihugu nyarwanda ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | An immigrant who applies for Rwandan nationality submits to the Organ the following: | Un immigrant qui demande la nationalité rwandaise soumet à l'Organe ce qui suit: |
| 1 º icyemezo cy'amavuko; | 1 º a birth certificate; | 1 º une attestation de naissance; |
| 2 º umwirondoro we; | 2 º his or her personal profile; | 2 º son curriculum vitae; |
| 3 º kopi y'uruhushya rwo kuba mu Rwanda, iyo aba mu Rwanda; | 3 º a copy of residence permit, if the immigrant resides in Rwanda; | 3 º une copie du permis de séjour, s'il réside au Rwanda; |
| 4 º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe; | 4 º proof of payment of application fee; | 4 º la preuve du paiement des frais de demande; |
| 5 º inyandikomvugo isobanura impamvu adashobora kuzuza ibisabwa ngo asabe ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku zindi mpamvu zemewe. | 5 º a written statement of his or her personal circumstances which details the inability to fulfil the requirements for applying for Rwandan nationality by acquisition on the other admissible grounds. | 5 º un exposé de sa situation personnelle précisant son incapacité à remplir les conditions de demande de nationalité rwandaise par acquisition pour les autres raisons admissibles. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku nyungu z'igihugu** | **<u>Article 11</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of national interest** | **<u>Article 11</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de l'intérêt national** |
| Umunyamahanga usaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku nyungu z'igihugu ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A foreigner who applies for Rwandan nationality on grounds of national interest submits to the Organ the following: | Un étranger qui demande la nationalité rwandaise sur base de l'intérêt national soumet à l'Organe ce qui suit: |

| | | |
|---|---|---|
| 1 º inyandiko y'amavuko;<br><br>2 º umwirondoro we;<br><br>3 º kopi y'uruhushya rwo kuba mu Rwanda, iyo aba mu Rwanda;<br><br>4 º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe;<br><br>5 º ibaruwa urwego bireba rugenera Urwego rusobanura inyungu z'Igihugu zashingirwaho mu guha uwasabye ubwenegihugu nyarwanda. | 1 º a birth record;<br><br>2 º his or her personal profile;<br><br>3 º a copy of residence permit, if the foreigner resides in Rwanda;<br><br>4 º proof of payment of application fee;<br><br>5 º a letter from a relevant organ addressed to the Organ, describing the national interest that justifies the granting of Rwandan nationality to the applicant. | 1 º l'acte de naissance;<br><br>2 º son curriculum vitae;<br><br>3 º une copie du permis de séjour, s'il réside au Rwanda;<br><br>4 º la preuve du paiement des frais de demande;<br><br>5 º une lettre de l'organe concerné adressée à l'Organe indiquant l'intérêt national justifiant l'octroi de la nationalité rwandaise au demandeur. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku ishoramari cyangwa ku bikorwa binini kandi birambye** | **<u>Article 12</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of sustainable investment or activities** | **<u>Article 12</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de l'investissement ou d'activités importantes durables** |
| Umunyamahanga usaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku ishoramari cyangwa ku bikowa birambye ashyikiriza Urwego ibi bikurikira:<br><br>1 º icyemezo cy'amavuko;<br><br>2 º umwirondoro we;<br><br>3 º kopi y'uruhushya rwo kuba mu Rwanda, iyo aba mu Rwanda; | A foreigner who applies for Rwandan nationality on the basis of sustainable investment or activities submits to the Organ the following:<br><br>1 º a birth certificate;<br><br>2 º his or her personal profile;<br><br>3 º a copy of residence permit, if the foreigner resides in Rwanda; | Un étranger qui demande la nationalité rwandaise sur base de l'investissement ou d'activités importantes durables soumet à l'Organe ce qui suit:<br><br>1 º une attestation de naissance;<br><br>2 º son curriculum vitae;<br><br>3 º une copie du permis de séjour, s'il réside au Rwanda; |

| | | |
|---|---|---|
| 4 º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe; | 4 º proof of payment of application fee; | 4 º la preuve du paiement des frais de demande; |
| 5 º icyemezo cy'umutungo atunze; | 5 º proof of properties owned; | 5 º la preuve des biens qu'il possède; |
| 6 º ikigaragaza ko ari umushoramari wanditswe mu Rwanda; | 6 º proof of registration as an investor in Rwanda; | 6 º la preuve de son enregistrement en tant qu'investisseur au Rwanda; |
| 7 º ikigaragaza ibikorwa bye birambye mu Rwanda. | 7 º proof of sustainable activities in Rwanda. | 7 º la preuve de ses activités durables au Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Gusaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku bumenyi cyangwa impano byihariye** | **<u>Article 13</u>: Application for Rwandan nationality on grounds of special skills or talent** | **<u>Article 13</u>: Demande de nationalité rwandaise sur base de compétences spéciales ou talent spécial** |
| Umunyamahanga usaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku bumenyi cyangwa ku mpano byihariye ashyikiriza Urwego ibi bikurikira: | A foreigner who applies for Rwandan nationality on grounds of special skills or talent submits to the Organ the following: | Un étranger qui demande la nationalité rwandaise sur base de compétences spéciales ou d'un talent spécial soumet à l'Organe ce qui suit: |
| 1 º icyemezo cy'amavuko; | 1 º a birth certificate; | 1 º une attestation de naissance; |
| 2 º umwirondoro we; | 2 º his or her personal profile; | 2 º son curriculum vitae; |
| 3 º kopi y'uruhushya rwo kuba mu Rwanda, iyo aba mu Rwanda; | 3 º a copy of residence permit, if the foreigner resides in Rwanda; | 3 º une copie du permis de séjour, lorsqu'il réside au Rwanda; |
| 4 º inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe; | 4 º proof of payment of application fee; | 4 º la preuve du paiement des frais de demande; |
| 5 º ibaruwa yemeza ko usaba ubwenegihugu nyarwanda azakoresha | 5 º a commitment letter that affirms the applicant shall use the special skills or | 5 º une lettre d'engagement qui affirme que la personne qui demande la |

| | | |
|---|---|---|
| ubumenyi cyangwa impano byihariye afite mu nyungu z'u Rwanda. | talent in the interest of Rwanda. | nationalité utilisera ses compétences spéciales ou son talent spécial au profit du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Gusaba amakuru y'inyongera** | **<u>Article 14</u>: Request for additional information** | **<u>Article 14</u>: Demande d'informations additionnelles** |
| Urwego rusuzuma ubusabe kandi rushobora gusaba uwasabye gutanga amakuru y'inyongera mu gihe bibaye ngombwa. | The Organ assesses the application and may request for additional information from the applicant if considered necessary. | L'Organe examine la demande et peut demander au demandeur de fournir des informations additionnelles, si nécessaire. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Uburyo ubusabe butangwa** | **<u>Article 15</u>: Application modalities** | **<u>Article 15</u>: Modalités de demande** |
| Usaba ubwenegihugu nyarwanda ashyikiriza ubusabe bwe, mu buryo bw'inyandiko cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga, Urwego cyangwa ibiro bihagarariye u Rwanda mu mahanga. | The applicant for Rwandan nationality submits the application, in writing or electronically, to the Organ or to the diplomatic mission of Rwanda in a foreign country. | Une personne qui demande la nationalité rwandaise adresse sa demande, par écrit ou électroniquement, auprès de l'Organe ou de la mission diplomatique du Rwanda dans un pays étranger. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda** | **<u>Article 16</u>: Rwandan nationality certificate** | **<u>Article 16</u>: Certificat de nationalité rwandaise** |
| Umuntu wahawe ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko cyangwa ubutangwa ahabwa icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda gikubiyemo ibi bikurikira: | A person granted with Rwandan nationality by origin or by acquisition is issued a certificate of Rwandan nationality which contains the following: | Une personne ayant acquis la nationalité rwandaise d'origine ou par acquisition reçoit un certificat de nationalité rwandaise qui contient ce qui suit: |
| 1 º inomero y'icyemezo; | 1 º certificate number; | 1 º le numéro du certificat; |
| 2 º ifoto ngufi y'uwahawe ubwenegihugu; | 2 º a passport photo of the person who is granted the nationality; | 2 º une photo passeport de la personne qui a obtenu la nationalité; |

| | | |
|---|---|---|
| 3 º amazina y'uwahawe ubwenegihugu; | 3 º names of the person who is granted the nationality; | 3 º les noms de la personne qui a obtenu la nationalité; |
| 4 º itariki y'amavuko y'uwahawe ubwenegihugu; | 4 º date of birth of the person who is granted the nationality; | 4 º la date de naissance de la personne qui a obtenu la nationalité; |
| 5 º aho uwahawe ubwenegihugu yavukiye; | 5 º place of birth of the person who is granted the nationality; | 5 º le lieu de naissance de la personne qui a obtenu la nationalité; |
| 6 º ubwoko bw'ubwenegihugu ahawe; | 6 º type of nationality granted; | 6 º le type de nationalité octroyée; |
| 7 º igihe ubwenegihugu butangiwe; | 7 º effective date of nationality; | 7 º la date d'octroi de la nationalité; |
| 8 º ingingo y'itegeko yashingiweho hatangwa ubwenegihugu; | 8 º legal basis of granting the nationality; | 8 º une base légale de l'octroi de la nationalité rwandaise; |
| 9 º umukono na kashi by'ubuyobozi bw'urwego rutanze ubwenegihugu. | 9 º signature and stamp of the issuing authority. | 9 º la signature et le cachet de l'autorité ayant octroyé la nationalité. |
| Imiterere y'icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda iri ku mugereka w'iri teka. | The format of the Rwandan nationality certificate is in Annexed to this Order. | Le format du certificat de nationalité rwandaise est en annexe du présent arrêté. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: KWAKIRA INDAHIRO N'IBIKUBIYE MU MWIRONDORO BITANGAZWA** | **<u>CHAPTER III</u>: ADMINISTRATION OF OATH AND IDENTIFICATION DETAILS TO BE PUBLISHED** | **<u>CHAPITRE III</u>: RÉCEPTION DU SERMENT ET RENSEIGNEMENTS SUR L'IDENTITÉ À PUBLIER** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Kurahira k'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa** | **<u>Article 17</u>: Taking oath by a person granted rwandan nationality by acquisition** | **<u>Article 17</u>: Prestation de serment d'une personne ayant obtenu la nationalité rwandaise par acquisition** |
| Umuntu uhawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa arahira muri rumwe mu ndimi | A person granted Rwandan nationality by acquisition takes oath in one of the Rwandan | Une personne qui obtient la nationalité rwandaise par acquisition prête serment dans |

| | | |
|---|---|---|
| zemewe mu Rwanda. | official languages. | l'une des langues officielles du Rwanda. |
| Uhawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa arahirira mu ruhame afashe ibendera rya Repubulika y'u Rwanda mu kiganza cy'ibumoso kandi azamuye ikiganza cy'iburyo. | A person granted Rwandan nationality by acquisition takes oath in public by holding the National flag with the left hand and raising the right hand. | Une personne qui obtient la nationalité rwandaise par acquisition prête serment publiquement en tenant le drapeau national du Rwanda dans la main gauche et en levant en haut la main droite. |
| Umuntu udashoboye kubahiriza ibiteganywa n'igika cya 2 cy'iyi ngingo, afashwa kurahira ku buryo bumworoheye. | A person who is not able to respect provisions of Paragraph 2 of this Article is facilitated to take oath in a favourable manner. | Une personne qui est incapable de respecter les dispositions de l'alinéa 2 du présent article est facilitée de prêter serment dans des conditions qui lui sont favorables. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Umuyobozi ufite ububasha bwo kwakira indahiro** | **<u>Article 18</u>: Competent authority that administers the oath** | **<u>Article 18</u>: Autorité compétente pour la réception du serment** |
| Umuyobozi w'Akarere, Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere mu Mujyi wa Kigali n'ufite serivisi zisabirwa mu Biro by'Ububanyi n'Amahanga by'u Rwanda mu nshingano, ni bo bakira indahiro y'umuntu wahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa. | The District Mayor, the District Executive Administrator in the City of Kigali and the diplomat in charge of consular services in Rwanda Diplomatic Missions are the competent authorities to administer the oath of a person who is granted Rwandan nationality by acquisition. | Le Maire du District, l'Administrateur Exécutif du District dans la Ville de Kigali et le diplomate ayant les services consulaires dans les Missions Diplomatiques du Rwanda dans ses attributions sont les autorités compétentes pour recevoir le serment d'une personne qui se voit accorder la nationalité rwandaise par acquisition. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ibikubiye mu mwirondoro bitangazwa** | **<u>Article 19</u>: Identification details to be published** | **<u>Article 19</u>: Renseignements sur l'identité à publier** |
| Ibikubiye mu mwirondoro w'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ni ibi bikurikira: | Identification details of a person who is granted Rwandan nationality by acquisition published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda are the following: | Les renseignements sur l'identité d'une personne ayant obtenu la nationalité rwandaise par acquisition publiés dans le Journal Officiel de la République du Rwanda |

| | | |
|---|---|---|
| | | sont les suivants: |
| 1 º amazina ye; | 1 º the person's names; | 1 º ses noms; |
| 2 º amazina y'ababyeyi be; | 2 º parents' names; | 2 º les noms de ses parents; |
| 3 º aho yavukiye; | 3 º place of birth; | 3 º le lieu de sa naissance; |
| 4 º itariki y'amavuko ye. | 4 º date of birth. | 4 º la date de sa naissance. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: KWAMBURWA UBWENEGIHUGU NYARWANDA BUTANGWA** | **<u>CHAPTER IV</u>: REVOKING RWANDAN NATIONALITY BY ACQUISITION** | **<u>CHAPITRE IV</u>: RÉVOCATION DE LA NATIONALITÉ RWANDAISE PAR ACQUISITION** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Uburyo bwo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa** | **<u>Article 20</u>: Procedure for revocation of rwandan nationality by acquisition** | **<u>Article 20</u>: Procédure de révocation de la nationalité rwandaise par acquisition** |
| Umuyobozi w'Urwego yandikira umuntu ufite ubwenegihugu nyarwanda butangwa amumenyesha umugambi n'impamvu zo kubwamburwa. | The Head of the Organ writes to the person who has Rwandan nationality by acquisition stating the intention and grounds for revoking the nationality. | Le responsable de l'Organe écrit à la personne qui a la nationalité rwandaise par acquisition en lui indiquant l'intention et les motifs de révocation. |
| Umuntu ufite ubwenegihugu nyarwanda butangwa wamenyeshejwe umugambi wo kubwamburwa, afite uburenganzira bwo gutanga impamvu adakwiye kwamburwa ubwenegihugu mu gihe kingana n'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uhereye igihe yamenyesherejwe uwo umugambi. Igihe impamvu yatanze zigamije gutambamira uwo mugambi zitakiriwe, Umuyobozi w'Urwego ategura inyandiko igaragaza mu ncamake | The person who has rwandan nationality by acquisition who is notified of the intention of revocation of the nationality has the right to present the grounds why the nationality should not be revoked within a period of fifteen (15) working days from the date of reception of the notice. When the grounds the person presented in defence against the intended revocation of nationality are inadmissible, the Head of the Organ prepares a document with a summary of | La personne ayant la nationalité rwandaise par acquisition qui a été notifiée de l'intention de révocation de la nationalité a le droit de présenter les motifs pour lesquels la nationalité ne devrait pas être révoquée endéans quinze (15) jours ouvrables à compter du jour de la notification. Lorsque les motifs qu'elle a présentés en défense contre la révocation prévue de la nationalité sont irrecevables, le responsable de l'Organe |

| | | |
|---|---|---|
| impamvu ishingirwaho mu kwambura ubwenegihugu nyarwanda butangwa kugira ngo ishyikirizwe urwego bireba. | grounds for revocation of Rwandan nationality by acquisition for submission to relevant institution. | prépare un document contenant un résumé des motifs justifiant la révocation de la nationalité rwandaise par acquisition, pour soumission à l'institution concernée. |
| Umuntu wambuwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa ntiyongera kwitwa Umunyarwanda uhereye ku munsi Umuyobozi w'Urwego yamumenyereseheje, mu nyandiko, icyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri kimwambura ubwenegihugu. | A person whose Rwandan nationality by acquisition is revoked ceases to be Rwandan from the date on which the Head of the Organ notified the person, in writing, of the Cabinet Meeting decision revoking his or her nationality. | Une personne dont la nationalité rwandaise par acquisition est révoquée cesse d'être rwandaise à partir de la date à laquelle le responsable de l'Organe lui a notifié, par écrit, la décision du Conseil des Ministres révoquant sa nationalité. |
| Inyandiko zigaragaza ubwenegihugu nyarwanda uwambuwe ubwenegihugu yari yarahawe zitakaza agaciro uhereye igihe yamenyesherejwe icyemezo kimwambura ubwenegihugu kandi azisubiza Urwego. | The documents proving Rwandan nationality that were previously issued to the person whose nationality is revoked become invalid from the notification of the decision revoking the nationality and the person surrenders them to the Organ. | Les documents attestant la nationalité rwandaise ayant été antérieurement octroyés à une personne dont la nationalité est révoquée deviennent nuls dès la notification de la décision de révocation de la nationalité et elle les restitue à l'Organe. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Gutangaza umwirondoro w'uwambuwe ubwenegihugu** | **<u>Article 21</u>: Publication of identification details of a person whose nationality is revoked** | **<u>Article 21:</u> Publication** des renseignements sur l'identité **d'une** personne dont la nationalité a été révoquée |
| Iyo habaye kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa, ibikubiye mu mwirondoro w'uwabwambuwe bikurikira bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda: | If the Rwandan nationality by acquisition is revoked, the following identification details of a person whose nationality is revoked are published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda: | Lorsque la nationalité rwandaise par acquisition est révoquée, les renseignements suivants d'identité de la personne dont la nationalité a été révoquée sont publiés au Journal Officiel de la République du Rwanda: |
| 1 º amazina y'uwambuwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa; | 1 º names of the person whose rwandan nationality is revoked; | 1° les noms de la personne dont la nationalité rwandaise est révoquée; |

2 ° amazina y'ababyeyi;

3 ° aho yavukiye;

4 ° itariki y'amavuko.

**UMUTWE WA V: KUREKA NO GUSUBIRANA UBWENEGIHUGU NYARWANDA**

**Ingingo ya 22: Gusaba kureka ubwenegihugu**

Umunyarwanda usaba kureka ubwenegihugu nyarwanda ashyikiriza Urwego inyandiko zikurikira:

1 ° kopi y'inyandiko igaragaza ubwenegihugu nyarwanda bwe;

2 ° inyandiko isobanura impamvu zo kureka ubwenegihugu;

3 ° ikigaragaza ko afite cyangwa azabona ubundi bwenegihugu.

2 ° names of his or her parents;

3 ° place of birth;

4 ° date of birth.

**CHAPTER V: RENUNCIATION AND RECOVERY OF RWANDAN NATIONALITY**

**Article 22: Application for renunciation of nationality**

A Rwandan national who applies for renunciation of Rwandan nationality submits to the Organ the following documents:

1 ° a copy of a document proving his or her Rwandan nationality;

2 ° a written statement motivating renunciation of nationality;

3 ° proof of possession or assurance of acquisition of another nationality.

2° les noms des parents;

3° le lieu de naissance;

4° la date de naissance.

**CHAPITRE V: RENONCIATION À LA NATIONALITÉ RWANDAISE ET SON RECOUVREMENT**

**Article 22: Demande de renonciation à la nationalité**

Un rwandais qui demande la renonciation à la nationalité rwandaise présente à l'Organe les documents suivants:

1 ° une copie du document attestant sa nationalité rwandaise;

2 ° une déclaration écrite motivant la renonciation à la nationalité;

3 ° la preuve de possession ou l'assurance d'acquisition d'une autre nationalité.

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 23: Gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri ubusabe bwo kureka ubwenegihugu** | **Article 23: Submission of application for renunciation to Cabinet** | **Article 23: Soumission de la demande de renonciation au Conseil des Ministres** |
| Nyuma y'uko Urwego rusuzumye ubusabe bwo kureka ubwenegihugu nyarwanda, ubuyobozi bubifitiye ububasha bubushyikirizwa Inama y'Abaminisitiri kugira ngo ibwemeze, iyo bufite ishingiro. | After the Organ has examined the application for renunciation of Rwandan nationality, the competent authority submits the application with sound basis to the Cabinet for approval. | Après que l'Organe ait examiné la demande de renonciation à la nationalité rwandaise, l'autorité compétente la soumet au Conseil des Ministres pour approbation, si elle est fondée. |
| **Ingingo ya 24: Kumenyesha iyemezwa ryo kureka ubwenegihugu** | **Article 24: Notification of approval of renunciation of nationality** | **Article 24: Notification de l'approbation de renonciation à la nationalité** |
| Urwego rumenyesha uwasabye wemerewe kureka ubwenegihugu nyarwanda ko yabyemerewe n'Inama y'Abaminisitiri kandi rukamusaba kurugarurira inyandiko zose zigaragaza ubwenegihugu nyarwanda mu gihe kitarenze amezi abiri (2) abarwa uhereye ku munsi yamenyesherejweho. | The Organ notifies the successful applicant for renunciation of Rwandan nationality of the approval by the Cabinet of the application, and requests the applicant to return any official Rwandan nationality document to the Organ within a period not exceeding two (2) months from the date of notification. | L'Organe notifie au demandeur dont la demande a été favorable l'approbation par le Conseil des Ministres de la renonciation à la nationalité et lui demande de remettre à l'Organe tous les documents officiels attestant la nationalité rwandaise endéans deux (2) mois à compter du jour de la notification. |
| **Ingingo ya 25: Itangwa ry'icyemezo cyo kureka ubwenegihugu** | **Article 25: Issuance of a certificate of renunciation of nationality** | **Article 25: Octroi d'un certificat de renonciation à la nationalité** |
| Urwego ruha uwemerewe kureka ubwenegihugu icyemezo cyo kureka ubwenegihugu nyarwanda iyo amaze kugarura inyandiko zose zigaragaza ubwenegihugu nyarwanda. | The Organ issues a certificate of renunciation of Rwandan nationality to the successful applicant upon return of all official Rwandan nationality documents. | L'Organe délivre un certificat de renonciation à la nationalité rwandaise au demandeur dont la demande a été favorable après la remise de tous les documents officiels attestant la nationalité rwandaise. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Itangazwa ry'umwirondoro w'uwaretse ubwenegihugu** | **<u>Article 26</u>: Publication of identification details of a person who renounced nationality** | **<u>Article 26</u>: Publication** des renseignements sur l'identité **d'une** personne **qui a renoncé à la nationalité** |
| Urwego rutangaza mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda umwirondoro w'umuntu waretse ubwenegihugu nyarwanda. | The Organ publishes in the Official Gazette of the Republic of Rwanda identification details of a person who renounced Rwandan nationality. | L'Organe publie au Journal Officiel de la République du Rwanda des renseignements sur l'identité d'une personne qui a renoncé à la nationalité rwandaise. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Gusaba gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 27</u>: Application for recovery of Rwandan nationality by origin** | **<u>Article 27</u>: Demande de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine** |
| Umuntu usaba gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko ashyikiriza Urwego inyandiko zikurikira: | A person who applies for recovery of Rwandan nationality by origin submits to the Organ the following documents: | Une personne qui demande de recouvrer la nationalité rwandaise d'origine soumet à l'Organe les documents suivants: |
| 1 º icyemezo cy'amavuko; | 1 º a birth certificate; | 1 º une attestation de naissance; |
| 2 º kopi y'icyemezo cyo kureka ubwenegihugu nyarwanda; | 2 º a copy of certificate of renunciation of Rwandan nationality; | 2 º une copie du certificat de renonciation à la nationalité rwandaise; |
| 3 º inyandiko igaragaza impamvu asaba gusubirana ubwenegihugu nyarwanda; | 3 º a written statement on the reasons for application for recovery of Rwandan nationality; | 3 º une déclaration écrite motivant la demande de recouvrement de la nationalité rwandaise; |
| 4 º ikigaragaza ubwenegihugu asanganywe. | 4 º proof of current nationality. | 4 º la preuve de sa nationalité actuelle. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri ubusabe bwo gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 28</u>: Submission of application for recovery of Rwandan nationality by origin to the Cabinet** | **<u>Article 28</u>: Soumission de la demande de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine au Conseil des Ministres** |
| Nyuma y'isuzuma ry'ubusabe bwo gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko rikorwa n'Urwego, ubuyobozi bubifitiye ububasha bubushyikirizwa Inama y'Abaminisitiri kugira ngo ibwemeze, iyo bufite ishingiro. | After the Organ has examined an application for recovery of Rwandan nationality by origin, the competent authority submits the application with sound basis to the Cabinet for approval. | Après que l'Organe ait examiné une demande de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine, l'autorité compétente la soumet au Conseil des Ministres pour approbation, si elle est fondée. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Kumenyesha iyemezwa ryo gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 29</u>: Notification of approval of recovery of Rwandan nationality by origin** | **<u>Article 29</u>: Notification de l'approbation du recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine** |
| Urwego rumenyesha uwasabye wemerewe gusubirana ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko ko yabyemerewe n'Inama y'Abaminisitiri, mu gihe kitarenze amezi abiri (2) abarwa uhereye ku munsi yabyemerejeho. | The Organ notifies the successful applicant for recovery of Rwandan nationality by origin of the approval by the Cabinet meeting of his or her application within a period not exceeding two (2) months from the date of approval. | L'Organe notifie au demandeur de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine dont la demande a été favorable l'approbation par le Conseil des Ministres de la demande endéans deux (2) mois à compter du jour de l'approbation. |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Itangazwa ry'umwirondoro w'uwasubiranye ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko** | **<u>Article 30</u>: Publication of identification details of a person who recovered Rwandan nationality by origin** | **<u>Article 30</u>: Publication** des renseignements sur l'identité **d'une personne qui a recouvré la nationalité rwandaise d'origine** |
| Urwego rutangaza mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda umwirondoro w'umuntu wasubiranye ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko. | The Organ publishes in the Official Gazette of the Republic of Rwanda details of a person who recovered Rwandan nationality by origin. | L'Organe publie au Journal Officiel de la République du Rwanda les renseignements sur l'identité d'une personne qui a recouvré la nationalité rwandaise d'origine. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: AMAFARANGA ATANGWA KU BUSABE BW'UBWENEGIHUGU N'AY'IBYAKOZWE MU GUHA UMUNTU UBWENEGIHUGU** | **<u>CHAPTER VI</u>: APPLICATION FEES AND PROCESSING FEE** | **<u>CHAPITRE VI</u>: FRAIS DE DEMANDE ET FRAIS DE PROCÉDURE** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Amafaranga atangwa ku busabe bw'ubwenegihugu** | **<u>Article 31</u>: Application fees for nationality** | **<u>Article 31</u>: Frais de demande de la nationalité** |
| Usaba ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko yishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitanu (5.000 FRW) cyangwa agaciro kayo mu mafaranga yo mu mahanga. | An applicant for Rwandan nationality by origin pays five thousand Rwandan francs (FRW 5,000) or its equivalent in foreign currency. | Le demandeur de la nationalité rwandaise d'origine paie cinq mille francs rwandais (5.000 FRW) ou son équivalent en monnaie étrangère. |
| Usaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa yishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000 FRW) cyangwa agaciro kayo mu mafaranga yo mu mahanga. | An applicant for Rwandan nationality by acquisition pays ten thousand Rwandan francs (FRW 10,000) or its equivalent in foreign currency. | Le demandeur de la nationalité rwandaise par acquisition paie dix mille francs rwandais (10.000 FRW) ou son équivalent en monnaie étrangère. |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Amafaranga atangwa ku byakozwe mu guha umuntu ubwenegihugu** | **<u>Article 32</u>: Processing fee for nationality** | **<u>Article 32</u>: Frais de procédure d'acquisition de la nationalité** |
| Umuntu uhawe ubwenegihugu nyarwanda yishyura amafaranga y'ibyakozwe mu kumuha ubwenegihugu angana n'ibihumbi ijana (100.000 FRW) y'u Rwanda cyangwa agaciro kayo mu mafaranga yo mu mahanga. | A person who acquires Rwandan nationality pays a processing fee of one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) or its equivalent in foreign currency. | Une personne qui acquiert la nationalité rwandaise paie des frais de procédure équivalant à cent mille francs rwandais (100.000 FRW) ou leur équivalent en monnaie étrangère. |
| Umuntu uhawe ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuba ari umwana watoraguwe, ku cyubahiro, ku kutagira ubwenegihugu | A person who acquires Rwandan nationality on the ground of foundling, honour, statelessness or adoption does not pay the fee | Une personne qui acquiert la nationalité rwandaise sur base d'état d'enfant retrouvé, à titre d'honneur, d'apatridie ou d'adoption |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa ku kubera umubyeyi umwana utabyaye ntiyishyura amafaranga ateganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo. | provided for in Paragraph One of this Article. | ne paie pas les frais prévus par l'alinéa premier du présent article. |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Amafaranga atangwa ku busabe bwo kureka ubwenegihugu** | **<u>Article 33</u>: Application fee for renunciation of nationality** | **<u>Article 33</u>: Frais de demande de renonciation à la nationalité** |
| Usaba kureka ubwenegihugu nyarwanda yishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 FRW) cyangwa agaciro kayo mu mafaranga yo mu mahanga. | An applicant for renunciation of Rwandan nationality pays one hundred and fifty thousand Rwandan francs (FRW 150,000) or its equivalent in foreign currency. | Le demandeur de renonciation à la nationalité rwandaise paie cent cinquante mille francs rwandais (150.000 FRW) ou son équivalent en monnaie étrangère. |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Isonerwa ry'amafaranga atangwa ku busabe n'iry'ay'ibyakozwe mu guha umuntu ubwenegihugu** | **<u>Article 34</u>: Exemption from payment of application and processing fees** | **<u>Article 34</u>: Exonération des frais de demande et des frais de procédure** |
| Umuyobozi w'Urwego ashobora gusonera usaba amafaranga atangwa ku busabe cyangwa atangwa ku byakozwe mu guha umuntu ubwenegihugu, amaze kugisha inama inzego bireba. | The Head of the Organ may exempt an applicant from payment of application fee or processing fee, after consulting relevant institutions. | Le responsable de l'Organe peut exonérer le demandeur de payer les frais de demande ou frais de procédure, après avoir consulté les institutions concernées. |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Iyishyurwa ry'amafaranga atangwa ku busabe** | **<u>Article 35</u>: Payment of application fees** | **<u>Article 35</u>: Payement des frais de demande** |
| Amafaranga atangwa ku busabe avugwa muri uyu mutwe yishyurwa mu Isanduku ya Leta. | The application fees mentioned in this Chapter are paid in the Public Treasury. | Les frais de demande mentionnés au présent chapitre sont payés au Trésor Public. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA VII</u>: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER VII</u>: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VII</u>: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Uburyo bwo kumenyekanisha ubwenegihugu burenze bumwe** | **<u>Article 36</u>: Modalities for declaration of dual nationality** | **<u>Article 36</u>: Déclaration de la double nationalité** |
| Umuntu ukora imenyekanisha ry'ubwenegihugu burenze bumwe yuzuza ifishi yabugenewe iherekejwe n'ikimenyetso kigaragaza ubwenegihugu bw'ikindi gihugu yahawe. | A person who declares dual nationality fills a relevant form and submits it with proof of acquired nationality of another State. | Une personne qui déclare une double nationalité remplit un formulaire y relatif et le soumet avec une preuve de la nationalité d'un autre État qu'elle a acquise. |
| Umunyarwanda uba mu Rwanda amenyekanisha ubwenegihugu burenze bumwe ku Rwego. | A Rwandan who resides in Rwanda declares dual nationality at the Organ. | Un Rwandais qui réside au Rwanda fait la déclaration de la double nationalité auprès de l'Organe. |
| Umunyarwanda uba mu mahanga ashyikiriza ibiro by'ububanyi n'amahanga by'u Rwanda bimuri hafi imenyekanisha ry'ubwenegihugu burenze bumwe. Umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga by'u Rwanda ashyikiriza Urwego imenyekanisha ry'ubwenegihugu burenze bumwe ryakorewe mu biro by'ububanyi n'amahanga by'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi imenyekanisha rikozwe. | A Rwandan who resides abroad declares dual nationality at the nearest Rwandan diplomatic mission. The head of the diplomatic mission submits the declaration of dual nationality made to the diplomatic mission of Rwanda to the Organ within a period not exceeding thirty (30) working days from the date of the declaration. | Un Rwandais qui réside à l'étranger fait la déclaration de la double nationalité auprès de la mission diplomatique du Rwanda la plus proche. Le chef de la mission diplomatique transmet la déclaration de la double nationalité faite dans la mission diplomatique du Rwanda à l'Organe endéans trente (30) jours ouvrables à compter de la date de la déclaration. |

| **<u>Ingingo ya 37</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 37</u>: Commencement** | **<u>Article 37</u>: Entrée en vigueur** |
|---|---|---|
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 23/03/2022<br><br>(sé)<br><br>**UWIZEYE Judith**<br>Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika<br>Minister in the Office of the President<br>Ministre à la Présidence de la République |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/01 RYO KU WA 23/03/2022 RYEREKEYE UBWENEGIHUGU NYARWANDA** | **ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N° 007/01 OF 23/03/2022 RELATING TO RWANDAN NATIONALITY** | **ANNEXE À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/01 DU 23/03/2022 RELATIF À LA NATIONALITÉ RWANDAISE** |

| | | |
|---|---|---|
| **ICYEMEZO CY'UBWENEGIHUGU NYARWANDA** | **CERTIFICATE OF RWANDAN NATIONALITY** | **CERTIFICAT DE NATIONALITÉ RWANDAISE** |

NATIONAL INTELLIGENCE AND SECURITY SERVICE
Directorate General of
Immigration and Emigration

# Certificate of Rwandan Nationality

Cert. nº............/DGI&E/22
Reg. nº.........../DGI&E/22

PHOTO

This is to certify that ……………………, born on………….. in………………is a Rwandan national by acquisition/origin effective from ………in accordance with Article …… of Organic Law nº 002/2021.OL of 16/07/2021 governing Rwandan nationality.

**Names of the issuing authority**

**DIRECTOR GENERAL OF IMMIGRATION AND EMIGRATION (Signature and Official Seal)**

Kigali, Day of ……………

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 007/01 ryo ku wa 23/03/2022 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda** | **Seen to be annexed to Ministerial Order nº 007/01 of 23/03/2022 relating to Rwandan nationality** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel nº 007/01 du 23/03/2022 relatif à la nationalité rwandaise** |

| |
|---|
| Kigali, 23/03/2022<br><br>(sé)<br><br>**UWIZEYE Judith**<br>Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika<br>Minister in the Office of the President<br>Ministre à la Présidence de la République |
| **Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**<br>**Sean and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sé)<br><br>**UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |